GUSOZA ICYUMWERU CY'UBUREZI GATOLIKA MURI ZONE PASTORALE YA KIBUYE

Kuri uyu wa gatanu tariki 17/06/2016, kuri paruwasi ya Murunda yo mu karere k'Ubutumwa ka Kibuye, habaye ibirori byo gusoza icyumweru cy'uburezi Gatolika, ibyo birori byatangijwe n'Igitambo cy'Ukaristiya cyayobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo.

Nyuma yo kwerekana abashyitsi bitabiriye ibi birori, Musenyeri J.M.V NSENGUMUREMYI yafashe ijambo agaragaza uko iyi gahunda yo gusoza icyumweru cy'uburezi Gatolika yatangiye muri 2008 kugira ngo indangagaciro imico myiza y'uburere n'uburezi zidahungabana. Ni ngombwa ko ababyeyi, abana bafasha abarimu natwe twese tugira uruhare mu burezi n'uburere bwiza. Icyumweru cy'uburezi Gatolika ni igihe cyo kureba icyo twakoze n'icyo tutakoze muri uyu mwaka mu murimo dukora wo kurera. Icya kabiri ni uko abana bagize icyo bagaragaza mu kumva neza insanganyamatsiko bahembwa ndetse bose banabaye aba mbere bose bahembwa. Muri uyu mwaka w'Impuhwe, hitegerejwe k’ukureba icyumba cya Masenge mu rwego rwo kwita ku bandi, kandi ikigo cyabaye icya mbere muri buri paruwasi kigahembwa. Abepiskopi Gatolika bifuje no guhemba abana bagerageje guhimba no guhanga neza.

Mu bayobozi b'inzego bwite za Leta, hari na NIYONZIMA Tharcisse, umunyamabanga nshingwabikorwa w'Akarere ka Rutsiro. Ahawe ijambo yasuhuje abateraniye aho anashimira cyane Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA kubera uburyo akomeje gukunda aka Karere kacu ka Rutsiro. Yashimiye Kiliziya Gatolika kubera uburyo ariho hantu ha mbere mu gihugu cyacu usanga hari ireme ry'uburezi. Adusabye gushimira abitanga ngo uburezi bugende neza kuri uru rwego: Musenyeri, Abasaseridoti, Abarimu ndetse n'Ababyeyi. Hari byinshi bibagora, ariko Imana irabizi izakomeze ibiture kandi natwe turabashimiye.

Ni mukomeze uwo murimo, natwe tubemereye ubufatanye kandi nk’uko babivuga, "Abishyize hamwe Imana irabasanga", tuzafatanya. Ku nsanganyamatsiko y'uyu mwaka icyo nayivugaho ni uko ari nziza. Niba tugomba kwakira Impuhwe z'Imana ni byiza ko natwe tuzigirira n'abandi. Tugomba kuzigaragaza twirinda uguta ishuri kuko ku ruhande rwa Leta na Kiliziya ni ugutakaza intama. Kubera ko turi indashyikirwa mu burezi n'uburere tugomba no gusezerera ikibazo cyo kubaza aho abana bagiye kubera uguta ishuri. Hagomba no kwita ku mirire y'abana ku bigo by'Amashuri kuko hari abarya saa sita abandi bicira isazi mu maso. Ni byiza ko twaba Abanyampuhwe tubitaho. Hari akabyiniriro kabi kiswe abantu ngo: " BA NYAMURYABANA" abana bagahohoterwa n'abantu bakabagira abacakara, abakarasi,...Nyamara n'Ivanjili ntibyemera kuko turi Abana b'Imana. Muri iki gihe hariho "IKOTANABURYAMIRANE" aho usanga Abana babayeho nabi kubera imirire mibi kubera ubusambo bw'ababyeyi, nabo nibabe abanyampuhwe barere neza abana babo babaha indyo yuzuye.

Asoje ashimira Mgr, yifuriza abana Umunsi mwiza, abasaba kujya bafata uyu munsi neza, bige, bumvire kandi barangwa n'ikinyabupfura. Yashimiye abantu bose bitangiye uyu munsi ndetse n'abashyitsi bose bo muri aka karere k'ikenurabushyo.



Mu ijambo rye, Nyiricyubahiro Monseigneur Anaclet MWUMVANEZA yaramukije abantu bose bitabiriye uyu munsi n'abakoze uko bashoboye ngo umunsi ugende neza.

Akomeje atubwira ko nubwo arajya asubira mu magambo yavuzwe ni uburyo bwo kuyashimangira. Atangiye avuga ko Executif w'Umurenge wa Murunda ko babaye aba 2 mu karere, ubutaha bazabe aba mbere. Atubwiye ko yifuza ko ibigo byose bya Kiliziya Gatolika byagombye guhora ku isonga mu myigire. Arashimira abashyizeho iki cyumweru cy'uburezi Gatolika kiba mu nzego nyinshi kuva muri Paruwasi. Bituma dusubiza amaso inyuma. Twifuza ko abana bacu bagira ubwenge bafite umutimanama: "Science sans conscience, science sans moral, science sans humanité". Ibi byose ntabwenge burimo.

Uburezi bwiza bukorera ku mihigo nk'uko Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yabivugaga: Excellence=Oui!, Médiocrité=Non!, Facilité= Non, Effort=Oui" , ni byiza ko habaho imikorere igaragara kuko n'ubwo Musenyeri akunda Diyosezi yose, ntiyifuza ko zone ya Kibuye yasigara inyuma mu kugera ku ireme ry'Uburezi. Abanyeshuri bakiga iyobokamana. Arashimira ibigo byose byahawe certificat, ariko n'abandi bashyiremo imbaraga. Arashimira n'abana bagaragaje ubuhanga bwabo mu bihangano byabo kandi bakomeze.

Arashimira umusizi Marie Rose wavuze umuvugo wuzuye inyigisho y'impuhwe z'Imana. Ariko n'abateguye iyi nsanganyamatsiko ni abo gushimirwa. Tugomba kumenya kubahiriza igihe! Mu butumwa bwa Kiliziya Gatolika, uburezi ni ibanze, arasaba abarimu ngo uburezi bwa Kiliziya Gatolika bube nk'umuhigo. Arasaba ko abana bareka guta ishuri, natwe tukabagirira Impuhwe. Ntaburangare haba ku mwana, ababyeyi, Mwarimu ndetse n'ibigo by'amashuri muri rusange. Kuri byabibazo byose bibuza Abana kwiga, nko kurya saa sita ku ishuri birasaba ko abantu babyigaho neza kugira ngo hatagira umwana uvutswa amahirwe ye. Abanyeshuri bafatwa nabi, si byiza kubishyigikira, Abana bajyanwa mu bikorwa by'urukozasoni n'ibindi bibabuza kwiga. Umwepiskopi yasoje ijambo rye ashimiye abateguye neza uyu munsi.

Padiri Thaddée NKURUNZIZA